# Ikaramu ihagarika kwandika ku bantu batatu: Ku muntu uryamye kugeza abyutse, no ku mwana kugeza agaragaweho n'ibimenyetso by'ubukuru, no ku musazi kugeza agaruye ubwenge

Hadith yaturutse kwa Ally (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Ikaramu ihagarika kwandika ku bantu batatu: Ku muntu uryamye kugeza abyutse, no ku mwana kugeza agaragaweho n'ibimenyetso by'ubukuru, no ku musazi kugeza agaruye ubwenge."
[Hadithi y'impamo] [Yakiriwe na Abu Dawud na Tirmidhiy na A-Nasa'iy mu gitabo cye Sunanul Kubra, na Ibun Madjah na Ahmad]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze ko kurebwa n'amategeko ari itegeko kuri bene Adamu usibye ku bantu batatu: Umwana muto kugeza akuze aciye akenge. Umusazi wataye ubwenge kugeza ubwenge bugarutse. Umuntu uryamye kugeza akangutse. Kurebwa n'amategeko ntibireba bariya bantu, n'ibikorwa byabo bakora ntibyandikwa, ariko ibyiza umwana muto akoze birandikwa uretse umusazi n'umuntu uryanye, kubera ko n'ibyo bakora mu masengesho ntibyakemerwa kuko nta bwenge baba bafite.



النجاة الخيرية
ALNAJAT CHARITY
لجنة الدعوة الإلكترونية
EDC E-Da'wah Committee